



Ikinyamakuru k'imihindagurikire y'ikirere N°05, kigenewe abahinzi- borozi, igice cya kabiri Gashyantare (11- 20), 2021

Cyasohotse ku itariki ya 22 Gashyantare 2021

Incamate

Mu minsi icumi y'igice cya kabiri, Gashyantare 2021 kuva tariki ya 11 kugeza tariki ya 20, byagaragaye ko imvura yabaye nyinshi hamwe na hamwe mu gihugu ndetse hakaba naho imvura yabaye nke. Imvura iri hejuru y'ikigereranyo cy'impuzandengo y'imvura isanzwe igwa muri ayo ma tariki yapimwe mu bice byinshi by'Intara y'Iburengerazuba n'iy'Amajyepfo ndetse no mu bice bike by'Intara y'Iburasirazuba. Naho imvura iri muni y'ikigereranyo cy'isanzwe igwa yapimwe ahenshi mu mu majyepfo y'Intara y'Iburasirazuba no duce tumwe na tumwe tw'Umujyi wa Kigali ndetse no mu ntara y'Amajyepfo mu gace k'Amayaga. Imvura nyinshi yapimwe ku bupimiro bwa Cyahinda mu ntara y'Amajyepfo ahapimwe milimetero 120.2 mu minsi 6, ikurikirwa n'ubupimiro bwo ku kibuga cy'indege cya Kamembe mu ntara y'Iburengerazuba hapimiwe milimetero 110.3 mu minsi 8 ndetse no ku bupimiro bwa Karama Kilimbi mu ntara y'Iburasirazuba hapimiwe milimetero 109.5 mu minsi 5. Naho imvura nke iri muni ya milimetero 10 yapimwe ku bupimiro bwa Mwiri, Zaza na Kirehe bwo mu Ntara y'Iburasirazuba. Iyipimo by'ubushyuhwe ni nk'ibisanzwe biboneka mu gice cya kabiri cya Gashyantare. Ku bahinzi, ubu imirimo iribanda cyane mu gutunganya umusaruro banategura imirima.


1.0 Imvura yaguye

Aha turerekana ingano y'imvura yaguye, kwiyongera no kugabanuka kw'imvura, ikigereranyo cy'imvura yaguye n'isanzwe igwa, umubare w'iminsi imvura yaguye n'ubuhehere bw'ubutaka.

1.1. Ingano y'imvura yaguye

Ikarita ya mbere hasi irerekana ingano y'imvura yaguye mu minsi icumi y'igice cya kabiri cya Gashyantare 2021. Muri iki gice imvura yapimwe yari hejuru y'ikigero y'imvura isanzwe igwa mu bice byinshi by'intara y'Iburengerazuba n'iy'Amajyepfo ndetse no mu bice bike by'intara y'Iburasirazuba. Naho imvura ikaba yaragiye muni y'ikigereranyo cy'isanzwe igwa ahenshi mu mu majyepfo y'intara y'Iburasirazuba no duce tumwe na tumwe tw'Umujyi wa Kigali ndetse no mu ntara y'Amajyepfo ku gace cy'Amayaga. Imvura nyinshi yapimwe mu Ntara y'Amajyepfo ku bupimiro bwa Cyahinda mu ntara ahapimwe milimetero 120.2 mu minsi 6,


ikurikirwa n'ubupimiro bwo ku kibuga cy'indege cya Kamembe mu ntara y'Iburengerazuba hapimiwe milimetero 110.3 mu minsi 8 ndetse no ku bupimiro bwa Karama Kilimbi mu ntara y'Iburasirazuba hapimiwe milimetero 109.5 mu minsi 5.



Ikarita ya 1: Ingano y'Imvura yaguye mu gice cya kabiri cya Gashyantare 2021

1.2 Kwiyongera/Kugabanuka kw'imvura ugereranyije n'impuzandengo.


Ikarita iri hasi iratwerekako ko ahenshi mu gihugu imvura yiyongereye uretse ku bupimiro buke bwo mu ntara y'Iburasirazuba, Amajyaruguru n'iy'Amajyepfo.




Ikarita 2: Kwiyongera no kugabanuka kw'imvura mu gice cya kabiri cya Gashyantare 2021

1.3. Ikigereranyo cy'imvura yaguye n'isanzwe igwa mu gihe kirekire.

Ufatiye ku bipimo by'igihe kirekire, ishusho ya 1 n'ya 2, ziratwerekako ingano y'imvura yaguye ugereranyije n'ingano y'imvura isanzwe igwa mu minsi icumi y'igice cya kabiri cya Gashyantare 2021. Bigaragara ko imvura yaguye yari nyinshi ugereranyije



Ishusho 1: ikigereranyo cy'imvura mu Mujyi wa Kigali, Intara y'Amajyepfo n'iy'Iburengerazuba




Ishusho 2: ikigereranyo cy'imvura mu ntara y'Amajyaruguru n'iy'Iburasirazuba

1.4. Umubare w'iminsi imvura yaguyemo

Ikarita ya 3 iragaragaza umubare w'iminsi imvura yaguyemo, mu gice cya kabiri mu kwezi kwa Gashyantare 2021. Umunsi tubara ko wagushije imvura ni uwapimweho byibuze milimetero 0.85 cyangwa nyinshi.

Muri iki gice nibura ahantu henshi hagushije imvura hagati y'umunsi umwe n'iminsi umunani (1-8). Biteganyijwe ko mu gice cya Kabiri cya Gashyantare imvura izagwa hagati y'iminsi ibiri n'iminsi ine (2-4).



Ikarita ya 3: Umubare w'iminsi imvura yaguyemo

2.2. Igipimo cy'ubushyuhe bwo hasi

Ikarita ya gatanu irerekana uko ubushyuhe bwo hasi bwanganaga. Ubushyuhe bwo hasi bwari hagati ya dogere Selisiyusi 12.8⁰C (Busogo) na dogere Selisiyusi 19.2⁰C ku bupimiro bwa Bugarama. Mu ntara y'Amajyaruguru n'iy'Amajyepfo niho hakonje cyane kurusha ahandi mu gihugu.

1.4 Ubuhehere bw'Ubutaka


Aha turagaragaza muri rusange uko ubuhehere bw'ubutaka bwari bumeze. Ahenshi mu gihugu ubuhehere bw'ubutaka muri iyi minsi icumi y'igice cya kabiri cya Gashyantare 2021 bwiyoungereye bitewe n'ibihe by'imvura byaranze iki gice. Hateganyijwe ko ubuhehere bw'ubutaka buzakomeza kwiyongera mu gice cya gatatu cya Gashyantare 2021 bitewe n'imvura iteganyijwe.

2.0. Iyipimo by'ubushyuhe


Aha turareba muri rusange uko ibipimo by'ubushyuhe bwo hejuru no hasi hirya no hino mu gihugu byari bimeze.

2.1 Iyipimo cy'ubushyuhe bwo hejuru

Ikarita ya 4 irekana ubushyuhe bwo hejuru. Ugendeye ku bipimo by'ubushyuhe dusanzwe dupima, ahenshi mu gihugu ubushyuhe bwari mu kigereranyo cy'impuzandengo y'igihe kirekire, mu Ntara y'Iburasirazuba, mu Mujyi wa Kigali, ndetse no mu Majyepfo y'intara y'Iburengerazuba niho hashyushye kurusha ahandi. Iyipimo by'ubushyuhe bwo hejuru byari hagati ya dogere Selisiyusi 20.7 ku bupimiro bwa Kinigi na 30.6 ku bupimiro bwa Bugarama.



Ikarita ya 4: Ubushyuhe bwo hejuru



Ikarita ya 5: Ubushyuhe bwo hasi

3.0 Itegananyihe rigenewe abahinzi mu minsi icumi y'igice cya gatatu cya Gashyantare (tariki 11-20) 2021

3.1 Ikirere giteganijwe

Mu gice cya gatatu cy'ukwezi kwa Gashyantare 2021 (kuva tariki ya 21 kugeza kuya 28) mu Rwanda hateganyijwe imvura iri hagati ya milimetero (mm) 15 na 90. Imvura izagabanuka ugereranyije n'igice cya kabiri cya Gashyantare kirangiye. Imvura iteganyijwe iri ku kigero cy'imvura isanzwe igwa mu gice cya gatatu cya Gashyantare uretse mu ntara y'Amajyepfo izaba iri hejuru gato y'imvura isanzwe igwa. Imvura iteganyijwe izaturuka ahanini ku isangano ry'imiyaga ituruka mu gice cya majyepfo igana mu Majyaruguru y'Afurika. Imvura iteganyijwe mu gihugu mu buryo bukurikira:

Umujyi wa Kigali: Hateganyijwe imvura iri hagati ya milimetero 30 na 60. Amajyepfo ya Kicukiro na Nyarugenge hateganyijwe imvura iri hagati ya milimetero 30 na 45. Ahasigaye muri Nyarugenge na Kicukiro ndetse no mu karere ka Gasabo hateganyijwe imvura iri hagati ya milimetero 45 na 60.

Intara y'Iburasirazuba: Hateganyijwe imvura iri hagati ya milimetero 15 na 60. Imvura iri hagati ya milimetero 15 na 30 iteganyijwe mu gice cy'amajyaruguru no hagati mu karere ka Nyagatare. Imvura iri hagati ya milimetero 30 na 45 iteganyijwe ahasigaye muri Nyagatare, mu bice byo hagati no mu burasirazuba bw'akarere ka Gatsibo, mu majyaruguru no hagati mu karere ka Kayonza mu majyepfo y'akarere ka Rwamagana no mu gice gito cy'Amajyaruguru ya Bugesera. Imvura iri hagati ya milimetero 45 na 60 iteganyijwe mu turere twa Kirehe na Ngoma n'ahasigaye mu turere twa Gatsibo, Kayonza, Rwamagana na Bugesera.


Intara y'Iburengerazuba: Hateganyijwe imvura iri hagati ya milimetero 30 na 90. Imvura iri hagati ya milimetero 30 na 45 iteganyijwe mu gace gato k'amajyaruguru y'iburasirazuba bw'akarere ka Nyabihu. Imvura iri hagati ya milimetero 45 na 60 iteganyijwe mu bice hagati n'amajyaruguru y'akarere ka Nyabihu no mu burengerazuba bw'aturere twa Rutsiro, Karongi na Nyamasheke. Imvura iri hagati ya milimetero 60 na 70 iteganyijwe mu turere twa Rubavu na Ngororero, ahasigaye mu turere twa Nyabihu, Rutsiro, Karongi na Nyamasheke no mugice kinini cya Rusizi ukuyemo igice cya Rusizi gihereye muri Pariki ya Nyungwe no mu kibaya cya Bugarama hateganyijwe imvura iri hagati ya milimetero 75 na 90.

Intara y'Amajyaruguru: Hateganyijwe imvura iri hagati ya milimetero 30 na 75. Imvura iri hagati ya milimetero 30 na 45 iteganyijwe ahenshi mu burasirazuba bw'akarere ka Musanze ndetse n'amajyaruguru y'akarere ka Burera. Imvura iri hagati ya milimetero 45 na 60 iteganyijwe ahasigaye muri Musanze na Burera, mu majyaruguru y'akarere ka Gakenke n'igice kinini cya Gicumbi. Imvura iri hagati ya milimetero 60 na 75 iteganyijwe mu karere ka Rulindo, ahasigaye muri Gakenke n'agace

gato ko mu burengerazuba bw'akarere ka Gicumbi.

Intara y'Amajyepfo: Hateganyijwe imvura iri hagati ya milimetero 45 na 90. Imvura iri hagati ya milimetero 45 na 60 iteganyijwe mu gice kinini gihereye mu burasirazuba no hagati mu karere ka Kamonyi no mu mu burasirazuba bw'aturere twa Ruhango na Nyanza. Imvura iri hagati ya milimetero 60 na 75 iteganyijwe ahasigaye mu turere twa Kamonyi, Nyanza na Ruhango no mu turere twa Muhanga, Huye, Gisagara n'igice kinini cya Nyamagabe. Imvura iri hagati ya milimetero 75 na 90 iteganyijwe mu majyepfo no mu burengerazuba bw'akarere ka Nyaruguru n'agace gato ko mu majyepfo ya Nyamagabe.

Imvura iri hagati ya milimetero 100 na 120 iteganyijwe mu karere ka Kamonyi, mu bice bisigaye by'aturere twa Muhanga, Ruhango, Huye na Gisagara, mu burengerazuba bwa Nyanza, mu majyaruguru, hagati no mu burengerazuba bwa Nyamagabe ndetse n'agace gato k'uburasirazuba bw'akarere ka Nyaruguru. Imvura iri hagati ya milimetero 120 na 140 iteganyijwe mu majyaruguru no hagati mu karere ka Nyaruguru no mu majyepfo ya Nyamagabe. Naho imvura iri hagati ya milimetero 140 na 160 ikaba iteganyijwe mu burengerazuba bw'akarere ka Nyaruguru.



Ikarita ya 6: Iteganyagihe ry'imvura mu gice cya gatatu cya Gashyantare 2021.

3.2 Ibirebana n'imirimo y'ubuhinzi

Inzego z'ubuhinzi ziragirwa inama yo gukomeza kwitwararika mu imirimo y'ihunika no gutangira gutegura imirima kuko muri iki gice cya gatatu cya Gashyantare imvura izakomeza kugwa. Mu duce tugaragaramo imvura nyinshi bakwiye kwirinda imyuzure. Abahinzi barashishikarizwa gukomeza kugisha inama abashinzwe ubuhinzi babegereye mu gukomeza gutegura neza imirimo ijyanye n'ubuhinzi. Barashishikarizwa kandi kujya basura urubuga rwa Meteo Rwanda www.meteorwanda.gov.rw, cg guhamagara umurongo utishyurwa 6080.